

Kigali, le 24 mars 1970

N° 28/04/IT.01.1/70

A S.E. Monsieur le Président
de la République Rwandaise
à K I G A L I

TRANSMIS copie pour information à:

- Monsieur le Ministre (tous) *Coordination aux Affaires Administratives et Politiques*
- Monsieur le Secrétaire d'Etat (tous)

Monsieur le Président,

J'ai l'honneur de vous transmettre le Projet de Loi portant création de l'Office Rwandais du Tourisme comme Organisme jouissant d'une autonomie d'administration et de gestion, formule qui, à mon avis, est apte à favoriser le démarrage et la promotion de l'industrie touristique au Rwanda.

Compte tenu de l'aide tant technique que financière accordée par la Belgique aux dernières négociations de Bruxelles, en vue justement de la création de cet Office d'une part, de la dotation sollicitée et prévue au Budget de Développement 1970 d'autre part, je me permettrai d'insister sur l'urgence et la priorité à réserver à son examen au Conseil du Gouvernement, avant l'examen prochain de ce budget par le même Conseil, ainsi qu'avant son étude à la Commission de l'Assemblée Nationale et à l'Assemblée même, qui doivent se prononcer au point de vue budgétaire postérieurement à l'examen du projet de Loi créant l'Office en question.

Le Ministre de l'Information
et du Tourisme

Fr. MINANI



A traiter par _____
Date entrée : 5-7 APR 1970
No Classement : 1349

53.45.70

EXPOSE DES MOTIFS

Messieurs les Députés,

I) Motivation du projet

Jusqu'à présent, l'organisation du Tourisme au Rwanda était confiée à la Direction générale du Tourisme, rattachée au Ministère de l'Information et du Tourisme.

Mais le développement du Tourisme implique un dynamisme, des initiatives et une organisation souple que ne paraît pas pouvoir assurer un service purement administratif, d'autant plus que s'intègre dans ce cadre la gestion commerciale de diverses institutions telles que les hôtels et établissements similaires de l'Etat et les parcs nationaux.

Aussi la création d'un Organisme autonome, soumis à des règles d'administration et de gestion plus souples que celles en vigueur à l'administration centrale, semble répondre aux nécessités inhérentes au développement industriel du Tourisme au Rwanda.

II) Enoncé des principes

Art. 1 Cet article instaure un établissement public, doté de la personnalité civile et placé sous la tutelle du Ministère.

Il s'agit donc d'un Organisme décentralisé, soustrait à l'autorité hiérarchique du Ministre, celui-ci conservant toutefois un pouvoir de tutelle, c'est-à-dire qu'il peut s'opposer ou refuser tout acte de l'Office qui ne correspondrait pas à l'objet en vue duquel il a été créé. Par contre, l'autonomie réelle dont jouit l'Office lui permet d'assurer sa mission avec un maximum d'efficacité et de rapidité, sans être soumis aux lenteurs et à la rigidité propres à l'administration centrale.

Art. 2 L'objet de l'Office est exposé de manière exemplative, et consiste, en bref, dans le développement de toutes activités touristiques quelconques au Rwanda (art. 2, 1^o).

Mais l'Office a aussi un objet plus précis: la gestion commerciale de divers établissements hôteliers de l'Etat (art. 2, 2^o); à ce titre, notamment il agira comme une véritable entreprise commerciale et indus-

IGISOBANURO CY'IMPAMVU

Ba Nyakubahwa ba Bwana Depite,

I) Impamvu z'uyu mushinga

Kugeza ubu imiyoborere ya Turismi mu Rwanda yali ishinzwe Ubuyobozi bukurubwa Turismi muli Ministeri y'Amatangazo ya Leta na Turismi.

Kugirango Turismi ijye mbere hagomba umwete, ukwibwiza n'imategekere yihuta bidakunda kujyana n'Ubutegetsi busanzwe, kubera cyane cyane ko haziraho imilimo y'Ubucuruzi idahuje inzira nka za Hoteli n'andi mazu nkayo, cyangwa se Parki z'Igihugu.

Niyo mpamvu gushinga Umuryango ufite ukwishyira ukizana gukurikije amategeko agenga ubutegetsi n'agenga imikoresherezwe y'imali abangutse kurusha ay'ubutegetsi bwa Leta busanzwe, byatuma amajyambere ya Turismi mu Rwanda uko iteye ubu yarushaho kwihuta.

II) Uko ingingo ziteye

Ingingo ya mbere Iyi ngingo irashingira Igikoresho cy'imilimo ya Gouvernement iremye ku buryo buhuje n'amategeko y'Igihugu, ikaba yishingikijije Ministeri.

N'ukuvuga rero ko ali Umuryango utagengwa n'amategeko asanzwe, Ministri ntayitegeka mu milimo yayo aliko akayirebera n'ukuvuga ko ashobora kutemera ibikorwa bya Offisi cyangwa kubyanga rwose igihe bidahuje n'intego yagenewe kugeraho. Mu by'ukuli, Offisi ifite ubwigenge nyabwo butuma ikora imilimo yayo ku buryo bwuzuye kandi bubangutse, itagombye gukulikiza inzira ndende kandi zitoroshye Ubutegetsi bw'Igihugu busanganywe.

Ingingo ya 2 Intego ya Offisi yerekanywe by'urugero gusa; mu magambo avunaguye n'ugutsura amajyambere y'ibikorwa byose bigamije Turismi mu Rwanda (ingingo ya 2, 1^o).

Offisi ifite undi mulimo yihaliye: kugenga imilimo y'ubucuruzi bw'amacumbi - Hoteli za Leta (ingingo ya 2, 2^o); ni nayo mpamvu izajya ikora nk'izindi nzu z'ubucuruzi, kandi n'imibarure y'imali yayo igakorwa

truelle et sa comptabilité sera établie en conséquence (art. 26).

Art. 3 et 4 Ces articles précisent diverses activités auxquelles peut également se livrer l'Office.

Art. 5 Il est de règle de soumettre à autorisation l'acquisition d'immeubles par semblables organismes afin d'éviter une concentration immobilière incompatible avec l'objet de l'Office.

L'autorisation est confiée au Président de la République, qui a la responsabilité de la gestion de l'ensemble des biens de l'Etat.

Art. 6 Article qui ne nécessite pas de commentaires particulier: il énonce les diverses recettes possibles de l'Office.

Art. 7 De même qu'à l'article 5, cette autorisation est de règle.

Toutefois, il a paru convenable d'établir un plafond, afin que les libéralités de faible importance ne soient pas freinées par des autorisations administratives.

Art. 8 à 18 Ces articles concernent l'administration générale de l'Office.

Les cinq administrateurs seront choisis librement par le Président de la République parmi les personnalités présentant des compétences particulières ou portant un intérêt au développement du Tourisme.

Art. 19 Cet article assure la gestion journalière de l'Office.

Conformément au statut des agents de l'administration centrale, rappelons que le Gouvernement pourra détacher un de ses fonctionnaires pour exercer cette fonction auprès de l'Office.

Art. 20 Diverses mesures d'exécutions générales sont prévues par cet article, afin de compléter, par voie réglementaire, l'Organisation de l'Office.

inyujijwe muli ubwo buryo (ingingo ya 26).

Ingingo ya 3 n'ya 4 Izi ngingo zirerekana ku buryo bugaragara indi milimo Offisi ishobora gukora.

Ingingo ya 5 Niko bigenda, ibintu bitimukanwa byose kugirango byegurirwe imiryango nkiyo hagomba uburenganzira kugira ngo hatazaba agakabyo muli ibyo.

Ubwo burenganzira butangwa na Prezida wa Republika we ushinzwe imikoresherezwe y'umutungo wose wa Leta.

Ingingo ya 6 Iyi ngingo ntikeneye kuvugwa ho menshi: irasobanura gusa uburyo bwose Offisi igomba gukoresha kugirango yinjize inyungu yose ishobotse.

Ingingo ya 7 Nko ku ngingo ya 5, itanga ry'ubwo burenganzira rirasanzwe.

Nyamara aliko twasanze ari ngombwa gushyiraho umubare ntarengwa kugirango ibitangwa by'ubuntu bidafite agaciro kanini bitadindizwa n'impushya z'ubutegetsu.

Ingingo 8 - 18 Izi ngingo zirasobanura ubutegetsu burambuye bwa Offisi.

Ba Administrateri batanu bitorewwe na Prezida wa Republika uko ashaka mu bafite ubushobozi cyangwa mu bafitiye umurego amajyambere ya Turismi.

Ingingo ya 19 Iyi ngingo igamije Offisi mu milimo yayo ya buli munsu.

Nkuko Statutu y'Abakozi ba Leta imeze, Gouvernement ishobora kuzafata umwe muli bo ukamushinga uwo mulimo w'ubuyobozi bwa Offisi.

Ingingo ya 20 Hali amategeko amwe amwe yateganyijwe n'iyi ngingo kugirango yuzuze imitunganyirizwe ya Offisi binyujijwe mu nzira zihuje n'amategeko asanzwe.

Art. 21 à 24 Ces articles déterminent la manière dont s'exercera la tutelle générale sur les actes de l'Office. Ces règles répondent à une tradition administrative largement consacrée.

Art. 25 à 31 Ces articles détaillent le régime financier, budgétaire et comptable de l'Office

Un contrôle sévère est instauré par le truchement d'un commissaire aux comptes et de la Cour des comptes.

Art. 32 Le Président de la République déterminera par arrêté les biens que l'Etat cède à l'Office.

A première vue, il pourrait s'agir des établissements suivants:

- Hôtel des Diplomates à Kigali
- Etablissement hôteliers à Gabiro
- Etablissement hôtelier à Kibuye

Art. 33 Pour permettre à l'Office de fonctionner dès sa création, sa première année financière couvrira, outre les 12 mois de l'année 1971, les mois restant à courir pour achever l'année 1970.

Art. 34 Afin d'éviter des déboires provenant de l'entrée en vigueur d'une loi non dotée de ses diverses mesures d'exécution, le Président de la République déterminera la date d'entrée en vigueur en fonction de l'élaboration de ces mesures.

III. Nature juridique du texte

Comme il s'agit de la création d'un établissement public, l'intervention du législateur est requise. Le projet est donc rédigé sous forme de loi.

Ingingo 21 - 24 Izi ngingo zirasanura uburyo Offisi izashyigikirwa mu migirire yayo. Aya mategeko ahuje n'umuco wubahirizwa cyane m'ubutegetsi.

Ingingo 25 - 31 Izi ngingo zirerekana ku buryo burambuye imikoresherezwe y'imali, ya bije n'imibarire y'iyo mali ya Offisi.

Igiyigizura litabobera ry'iyo mikoresherezwe ligirwa n'Intumwa y'ibaturura n'Umutwe w'Urukiko rw'Ikirenga ishinzwe kugenzura imali y'Igihugu.

Ingingo ya 32 Iteka rya Prezida wa Republika rizemeza ibintu leta izegurira Offisi.

Umuntu yavugaga nka:

- Hôtel des Diplomates i Kigali
- Etablissement hôtelier i Gabiro
- Etablissement hôtelier ku Kibuye

Ingingo ya 33 Kugirango Offisi ishobore gutangira imilimo yayo igishyirwa, umwaka wayo wa mbere w'Imali, uretse amezi 12 y'umwaka wa 1971, uzongerwaho amezi asigaye y'umwaka wa 1970.

Ingingo ya 34 Kugirango hatazabaho ibizira biturutse kw'itegeko ritangirye nta buryo bundi bwo kuryubahiriza lifite, Prezida wa Republika azavugaga umunsi lizatangiraho akurikije ko ubwo buryo bundi buzaba bwabonetse.

III.

Kubera ko ari ugushyirwa igikoresheho cy'imilimo ya Gouvernement, ushyinga amategeko agomba kubigira ho ijamba. Niyo mpamvu uyu mushyirwa uteye nk'itegeko.

PROJET

LOI DU 1970 - CREATION DE L'OFFICE RWANDAIS DU TOURISME

Nous Grégoire Kayibanda,
Président de la République,

L'Assemblée Nationale a adopté et Nous sanctionnons, promulguons et ordonnons que soit publiée au Journal Officiel la loi dont la teneur suit:

Article premier Il est créé un établissement public dénommé "Office Rwandais du Tourisme", jouissant de la personnalité civile et ci-après désigné par les mots "l'Office".

L'Office a son siège à Kigali. Il est placé sous la tutelle du Ministre qui a le Tourisme dans ses attributions et ci-après désigné par les mots "le Ministre".

Art. 2 L'Office a pour objet:

- 1^o d'étudier et mettre en oeuvre tous les moyens susceptibles de contribuer au développement du Tourisme au Rwanda, et notamment:
 - a) de faire connaître et apprécier les beautés naturelles et le folklore du pays;
 - b) d'étudier, proposer et faire prévaloir toutes mesures légales, administratives ou autres de nature à favoriser la circulation nationale et internationale et le Tourisme en général. A cet effet, il interviendra auprès des autorités compétentes en vue de l'amélioration de domaines tels que la sécurité et la signalisation routières, les formalités douanières et d'immigration, et la sécurité des personnes;
 - c) de contribuer à l'amélioration des conditions matérielles de voyage et de séjour vers ou dans le pays;
 - d) de développer et coordonner les efforts des organismes publics ou privés, des syndicats d'initiative, des associations artisanales et folkloriques et de tous groupements quelconques agissant dans le domaine du Rwanda;

UMUSHINGA

ITEGEKO RYO KUWA 1970 - LI- SHINGA OFFISI YAUTRWANDA YA TURISMI

Twebwe Gregori Kayibanda,
Prezida wa Republika,

Inteko Nkuru y'Amategeko yaremeje natwe duhamije, dutangaje kandi dutegutse ko Itegeko liteye litya, litangazwa mw'Igazeti ya Leta:

Ingingo ya mbere Umuryango witwa: "Offisi y'u Rwanda ya Turismi" uremye bihuje n'amategeko y'Igihugu, ushinzwe imilimo ya Gouvernement igaragazwa n'ili jambo likulikira: "Offisi".

Offisi ifite intebe yayo i Kigali. Ishyizwe mu maboko ya Ministri ushinzwe Turismi usobanurwa n'ili jambo likulikira: "Ministri".

Ingingo ya 2 Iyi Offisi igamije:

- 1^o kwiga no gutunganya uburyo bwose bushobora guteza imbere Turismi mu Rwanda, cyane cyane:
 - a) kumenyekesha no gukundisha ibyiza bitatse Igihugu n'Umuco wacyo;
 - b) kwiga, gusaba no guteganya ingingo zose nyakuli z'amategeko cyangwa se zindi, ziteza imbere umugenderano mu Gihugu n'amahanga mu buryo bwose. Kubera iyo mpamvu, Offisi izajya yumvikana n'abategetsi babishinzwe kugira ngo barusheho kwita ku byerekeye umutekano mu Gihugu, ibimenyetso ndanga-mihanda, bituma umuntu ashobora kuva cyangwa kwinjira mu Gihugu, no ku mahoro y'abagenzi;
 - c) kwita ku byerekeye ibifasha ba Mukera-rugendo mu ngendo zabo baza mu gihugu, n'igihe bakilimo;
 - d) gutsura no guhuza ishyamba ry'imiryango nk'iyo y'Igihugu cyangwa se y'abikorera, irya za Sendika ziteza ubwazo imbere, iry'imiryango y'imyuga cyangwa y'ibindi byiza by'Igihugu, n'indi miryango iyo ari yo yose ifite imigabo yo gukora mu rwego rwa Turismi mu Rwanda;

- e) d'établir des contacts étroits avec les Offices de Tourisme et agences de voyages des pays étrangers, et notamment des pays voisins du Rwanda;
- f) de collaborer avec les services d'information en vue d'une propagande constante tendant à faire comprendre aux populations les avantages et l'intérêt du Tourisme;
- g) de rechercher et encourager les investissements dans le domaine du Tourisme en apportant son aide aux organismes et personnes privés dans leurs démarches auprès des autorités.
- 2° d'assurer le fonctionnement des établissements hôteliers de l'Etat, soit que celui-ci lui en cède la propriété, soit qu'il lui en confie seulement la gestion;
- 3° d'assurer la gestion des fonds et dotations constitués en vue de la promotion du Tourisme au Rwanda;
- 4° d'assister le Gouvernement dans la négociation et la conclusion d'accord ou conventions ayant trait directement ou indirectement au Tourisme;
- e) kugirana umubano n'izindi Offisi za Turismi n'Ibiro byita ku bagenzi mu bihugu by'amahanga, cyane cyane mu bihugu duturanye;
- f) gufatanya n'Ibiro by'Amatangazo kugirango byamamaze ku buryo budatezuka akamaro Turismi ifitiye abaturage;
- g) gushakana umwete no gutera inkunga ibishobora guteza imbere Turismi byose ifasha imiryango cyangwa se abaje ku giti cyabo, igihe baje bashaka uko bakumvikana n'abategetsu.
- 2° gutunganya imilimo y'amacumbi na Hoteli bya Leta, ali igihe Leta ibiyeguliye cyangwa se igihe iyishinze gucunga imali yabyo gusa;
- 3° gutunganya imikoreshereze y'amafunga n'ibindi ihawe bigenewe guteza imbere Turismi mu Rwanda;
- 4° gufasha Gouvernement mu gihe yumvikana cyangwa igirana amapatano cyangwa amasezerano agamije Turismi mu nzira ngufi cyangwa mu nzira ndende;

Art. 3 L'Office peut faire toutes les opérations commerciales et financières se rattachant à son objet.

Il peut également, seul ou avec le concours d'autres organismes, faire toutes opérations accessoires, et notamment encourager et soutenir toute entreprise publique ou privée dont l'activité tend à développer le Tourisme au Rwanda.

Art. 4 L'Office peut organiser, tant au Rwanda qu'à l'étranger, tous bureaux d'information qu'il jugera utiles à la poursuite de son objet.

Art. 5 L'Office peut posséder, en propriété ou autrement, tous biens meubles et immeubles nécessaires à la réalisation de son objet.

Toutefois, l'acquisition d'immeubles est soumise à l'autorisation du Président de la République.

Ingingo ya 3 Offisi ishobora gukora imilimo yose y'ubucuruzi n'iy'amafunga agenewe imilimo yayo.

Ishobora kandi yonyine cyangwa iki kumwe n'indi miryango, gukora n'indi milimo yoroheje, cyane cyane gushyigikira no gutera inkunga ibikorwa rusange by'Igihugu cyangwa bya Ba nyamwigendaho bifite imigabo yo guteza imbere Turismi mu Rwanda.

Ingingo ya 4 Offisi ishobora gushingira mu Rwanda no mu mahanga ibiro by'amako yose by'amatangazo isanze bifitiye akamaro ibyo igenewe kugera ho.

Ingingo ya 5 Offisi ishobora gutunga, ku buryo bw'umwihaliko cyangwa ku bundi buryo, ibintu byimukanwa cyangwa bitimukanwa isanze ali ngombwa kugirango ishobore gutunganya imilimo ishinze.

Ibyo ali byo byose aliko, kugirango ishobore guhabwa ibintu bitimukanwa igomba uruhusa rwa Prezida wa Republika.

Art. 6 L'Office subvient à ses charges au moyen de ses recettes; celles-ci sont constituées par:

- a) les subsides annuels alloués par le Gouvernement;
- b) les bénéfices de ses exploitations commerciales;
- c) les bénéfices d'activités accessoires telles que la vente d'objets à caractère artisanal ou touristique, l'émission de timbres poste, etc..;
- d) les libéralités, dons et legs.

Art. 7 L'acceptation des libéralités, dons et legs est soumise à l'autorisation du Président de la République.

Toutefois, cette autorisation n'est pas requise pour l'acceptation de libéralités, dons et legs dont le montant n'excède pas 500.000 francs, et qui ne sont pas grevés de charges.

Art. 8 L'Office est administré par un conseil d'administration composé de 5 membres, dont un président, nommés par le Président de la République, pour un terme de 4 ans.

Le mandat des membres du conseil d'administration est renouvelable.

En cas de vacance d'un mandat avant son expiration, le nouvel administrateur achève le mandat de celui qu'il remplace.

Art. 9 Le conseil d'administration se réunit, sur convocation du président, aussi souvent que l'intérêt de l'Office l'exige et au moins trois fois par an.

Il doit être convoqué chaque fois que trois administrateurs le demandent.

Art. 10 Les administrateurs ne contractent à l'égard des tiers aucune responsabilité personnelle; ils ne répondent que de l'exécution de leur mandat.

Art. 11 Les administrateurs peuvent, au cours des réunions du conseil d'administration, se faire assister d'une ou plusieurs personnes de leur choix, en raison de leurs compétences particulières ou de l'intérêt qu'elles portent à une question inscrite à l'ordre du jour. Ces personnes n'ont qu'une voix consultative.

Ingingo ya 6 Offisi itungwa mu mili-mo yayo yose n'inyungu; ayo mafranga abomakakubidi ubu buryo:

- a) imfashanyo ya Gouvernement ya buli mwaka;
- b) inyungu zituruka mu milimo yayo y'ubucuruzi;
- c) inyungu zituruka mu tuntu tworoheje: nk'igulisha ry'utuntu duturutse mu maboko y'abanyamyuga b'abene-gihugu, twagenewe gushimisha Mukerarugendo, amatembri, n'ibindi..
- d) ibyo ihawe, ituwe cyangwa irazwe.

Ingingo ya 7 Kugirango ibyo ihawe, ituwe cyangwa irazwe byakirwe bigomba kwemerwa na Prezida wa Republika.

Gusaba ubwo burenganzira si ngo-mbwa iyo ibyo byose bitarenga umubare w'amafranga 500.000, kandi bitabomba indishyi zindi.

Ingingo ya 8 Offisi itegekwa n'Inama y'Ubutegetsi igizwe n'abantu 5: muli abo, umwe niwe Prezida wayo, kandi bose bashyirwaho na Prezida wa Republika. Manda yabo ikaba iy'imyaka 4.

Iyo manda y'abagize Inama y'Ubutegetsi ishobora kangera gutangirwa.

Igihe umwe muli bo aba avuyemo manda ye yali itararangira, upusimbura we agomba kubanza kurangiza iyo manda.

Ingingo ya 9 Inama y'Ubutegetsi irema igihe cyose ari ngombwa, ihamagawe na Prezida wayo, aliko kandi irema nibura gatatu mu mwaka.

Igomba guhamagarwa igihe batatu mu bagize inama y'Ubutegetsi babisabye.

Ingingo ya 10 Ba administrateri nta-cyo bashobora kwishingira ku bandi; bagenewe kurangiza imilimo bashinzwe kubwa manda yabo.

Ingingo ya 11 Igihe inama y'ubutegetsi iteranye, ba administrateri bashobora kwiyegereza umuntu umwe cyangwa benshi bishakiye, bakulikije ubushobozi bw'umwihaliko babazi ho cyangwa babitewe n'akamaro bazi ko bafitiye kimwe mu bibazo byanditse ku murongo w'ibyigwa. Umwanya w'abo bantu n'uwo gusobanura gusa.

Art. 12 Le conseil d'administration ne peut délibérer valablement que sur les questions inscrites à l'ordre du jour et si la majorité de ses membres sont présents ou représentés, aucun des administrateurs ne pouvant représenter plus d'un de ses collègues.

Toutefois, si ce quorum n'est pas atteint, il sera procédé à une seconde convocation du conseil et celui-ci pourra délibérer, quel que soit le nombre des membres présents ou représentés, sur les questions soumises pour la seconde fois à son examen.

Art. 13 Le Ministre peut assister aux réunions du conseil d'administration; dans ce cas, il n'a qu'une voix consultative.

Art. 14 Les décisions du conseil d'administration sont prises à la majorité des voix des membres présents ou représentés; en cas de partage des voix, celle du Président est prépondérante.

Art. 15 Les membres du conseil d'administration bénéficient d'une rémunération dont le montant sera fixé par le Président de la République.

Ils peuvent également jouir d'une indemnité pour frais de déplacements, dont le montant est fixé par le Conseil d'administration et approuvé par le Ministre.

Art. 16 Sous réserve des actes soumis à autorisation ou approbation, le conseil a tous les pouvoirs d'administration et de disposition pour la réalisation de l'objet de l'Office.

Art. 17 Le conseil d'administration peut, sous sa responsabilité, déléguer au Directeur de l'Office telles parties de ses pouvoirs qu'il estime convenir.

Art. 18 L'Office est représenté dans les actes publics ou sous seing privé par le Président du conseil d'administration ou par un ou plusieurs mandataires spécialement désignés par le conseil, qui en détermine les pouvoirs.

Ingingo ya 12 Inama y'ubutegetsu ishobora kugira icyo igera ho ku buryo bwemewe, igihe gusa yiga ingingo zanditse ku murongo w'ibyigwa, kandi n'igihe abenshi mu bagize inama y'ubutegetsu bayijemo cyangwa se bohereje ababahagaralira, nta bubasha administrateri umwe afite bwo guhagaralira begenzi be barenze urenze umwe gusa.

Nyamara aliko, iyo umubare ngombwa utabonetse, inama yongera gutumirwa, icyo gihe ishobora kurema igizwe n'umubare uwo aliwo wose wa ba membre cyangwa w'ababahagaraliye, ikiga rero ibibazo byose basabye inshuro ya kabili ko byakwigwa.

Ingingo ya 13 Ministri ashobora kuza mu materaniro y'inama y'ubutegetsu kumva iyo nama; icyo gihe aliko umwana we n'uwo gusobanura gusa.

Ingingo ya 14 Ibyemezo by'inama y'ubutegetsu byemerwa iyo benshi muli ba membre bali aho cyangwa ababahagaraliye babyemeje; haboneka amajwi angana, irya Prezida ligakemura impaka.

Ingingo ya 15 Abagize inama y'ubutegetsu bahabwa igihembo gishyirwaho na Prezida wa Republika.

Bashobora no guhabwa inyishyu z'ingendo, umubare wazo ushyirwaho n'inama y'ubutegetsu ukemerwa na Ministri.

Ingingo ya 16 Uretse ibintu bigomba uruhushya cyangwa se icyemezo, ubundi inama y'ubutegetsu ifite ububasha bwose mw'itegeka n'uburenganzira bwose, kugira ngo igere ku ntego za Offisi.

Ingingo ya 17 Inama y'ubutegetsu ishobora kwishingira guha Directeri wa Offisi ibice ibi n'ibi by'ububasha bwayo isanze bikwiye.

Ingingo ya 18 Offisi, mu bikorwa byayo binyura mu bacamanza cyangwa mu bategetsu, no mu bikorwa bitabanyuraho, ihagaralirwa na Prezida w'inama y'ubutegetsu cyangwa se n'undi cyangwa benshi batumwe ku mugaragaro n'inama, ali nayo yemeza aho ububasha bwabo bugera.

Les actions en justice sont intentées et défendues sur poursuites et à la diligence des mêmes personnes.

Art. 19 La gestion journalière de l'Office est assurée par un Directeur Général nommé par le Président de la République.

Le Directeur Général assiste avec voix consultative aux réunions du conseil d'administration.

Art. 20 Le Président de la République arrête le règlement organique de l'Office.

Le règlement d'ordre intérieur, contenant notamment le statut du personnel, est déterminé par le conseil d'administration et approuvé par le Ministre.

Art. 21 La tutelle générale sur les actes de l'Office est exercée par un commissaire du Gouvernement désigné par le Ministre.

Le commissaire du Gouvernement a tous les pouvoirs nécessaires à l'accomplissement de sa mission; il peut assister aux réunions du conseil d'administration et y a voix consultative.

Art. 22 Le commissaire du Gouvernement peut, dans les huit jours introduire auprès du Ministre un recours contre toute décision du conseil d'administration qu'il estime contraire à la loi, aux statuts de l'Office ou à l'intérêt général; ce recours est suspensif.

Art. 23 Le Ministre peut annuler les décisions du conseil d'administration qui font l'objet d'un recours.

La décision devient cependant exécutoire si, dans un délai de 15 jours, le ministre n'a pas donné suite au recours.

Art. 24 Les délais prévus par les articles 22 et 23 sont francs et se comptent à partir du jour où la décision est parvenue à la connaissance du commissaire du Gouvernement, soit par notification lui adressée, soit par sa présence à la réunion du conseil d'administration.

Ibyerekeye imanza, kurega no kuburana, nabyo bikulikiranwa n'abo tumaze kuvuga.

Ingingo ya 19 Directeri Jenerali ushyirwaho na Prezida wa Republika niwe uyobora Offisi mu milimo yayo ya buli munsu.

Directeri Jenerali yumva inama igihe iremye akayigiramo umwanya wo gusobanura.

Ingingo ya 20 Prezida wa Republika niwe ushyiraho itegeko riyobora Offisi.

Itegeko riyigenga mu milimo yayo, nka Statut y'abakozi bayo, rishyirwaho n'inama y'ubutegetsu ryemewe na Ministri.

Ingingo ya 21 Igenzura ryose ry'ibikorwa bya Offisi rigirwa n'Intumwa ya Gouvernement yashyizweho na Ministri.

Iyo ntumwa ya Gouvernement ifite ububasha bwose ngombwa kugira ngo ubutumwa ishinzwe butungane; ishobora kumva inama y'ubutegetsu, umwanya wabo ukaba uwo gusobanura.

Ingingo ya 22 Intumwa ya Gouvernement ishobora, mu minsi munani kujulirira Ministri icyemezo cyose cy'inama y'ubutegetsu isanze kinyujije ukubili n'amategeko rusange, n'amategeko aagenda Offisi cyangwa cyononera Igihugu; iryo julira rihagarika icyo cyemezo.

Ingingo ya 23 Ministri ashobora gukuraho ibyemezo by'inama y'ubutegetsu byajuririwe.

Icyemezo kirahama iyo hashize iminsi cumi n'itanu Ministri ataragira icyo asubiza kuli iryo julira.

Ingingo ya 24 Ibihe byateganijwe ku ngingo 22 na 23 biruzuye (umunsi w'itangira n'uw'irangira ntibarwa) kandi ibarwa bahereye ku munsi icyemezo cyageze ku ntumwa ya Gouvernement, ar'uko bakimumenyeshesheje, cyangwa ar'uko akimenyeye mu nama y'ubutegetsu.

Art. 25 Le Ministre nomme un commissaire aux comptes placé sous son autorité.

Le commissaire aux comptes a un droit illimité de surveillance et de contrôle sur toutes les opérations comptables de l'Office, sans toutefois pouvoir s'immiscer dans la gestion de celui-ci.

Il peut prendre connaissance, sans déplacement, des livres, de la correspondance, des procès-verbaux et de toutes les écritures quelconques de l'Office.

Il fait rapport sur sa mission au Ministre au moins une fois par an, lors de l'établissement du bilan et du compte de résultats.

Ses rapports sont communiqués au commissaire du Gouvernement.

Art. 26 Chaque année, avant le 15 juillet, le Conseil d'administration soumet un projet de budget pour l'exercice suivant à l'approbation du Ministre.

Chaque année, avant le 30 avril, le conseil d'administration soumet à l'approbation du Ministre les comptes de l'année précédente accompagnés d'un rapport sur la gestion de l'Office.

L'année financière commence le 1er janvier. La comptabilité budgétaire est tenue par exercice. Les opérations relatives à un exercice peuvent se poursuivre pendant l'année suivante.

L'Office tient une comptabilité industrielle et commerciale à partie double, faisant apparaître, en tout temps, la situation active et passive complète.

Art. 27 Les disponibilités de l'Office sont déposées en compte-courant à la Banque Nationale du Rwanda.

Toutefois, des comptes-courants pourront être ouverts auprès des établissements bancaires privés.

Art. 28 Les comptes de gestion annuels, clôturés au 31 décembre, sont soumis avec les pièces justificatives à la Cour des comptes au plus tard le 1er mars de chaque année.

Ingingo ya 25 Ministri yishyiriraho intumwa ategeka igenzura imikoresherezwe y'imali.

Intumwa igenzura imikoresherezwe y'imali ifite uburenganzira bwo kugezura no kubarura imibare y'imali ya Offisi, yilinda aliko kwivanga mu mikoresherezwe yayo.

Ishobora guhabwa ibitabo, inzandiko, inyandiko-mvugo n'izindi nyandiko zose za Offisi, atagombye kujya kuzishaka.

Nibura limwe mu mwaka igomba guha Ministri raporo y'umulimo ishinzwe, nk'igihe cy'ibara ry'inyungu.

Raporo zayo zimenyeshwa intumwa ya Gouvernement.

Ingingo ya 26 Buli mwaka mbere ya 15 yuli, inama y'ubutegetsi iha Ministri umushinga wa budget igomba gukoreshwa mu mwaka ukulikira kugira ngo awemeze.

Buli mwaka mbere ya 30 aprili, inama y'ubutegetsi imenyeshya Ministri ibarura ry'umwaka ushize hamwe na raporo y'imikoresherezwe y'imali ya Offisi kugira ngo abyemeze.

Umwaka w'imali utangira ku itarki ya mbere ya yanwali. Ibara rya budget lirangirana n'umwaka. Imilimo yagenewe gukorwa mu mwaka ishobora gukomeza gukorwa m'ukulikiye.

Offisi ibara ikulikije "Comptabilité industrielle et commerciale à partie double" yerekana buli gihe ibyo igombwa n'ibyo igomba byose.

Ingingo ya 27 Imali ikoresheya ibikwa muli Banki Nationali y'u Rwanda ku buryo ishobora gukorwamo buli gihe ali ngombwa.

Iyo mali ishobora kubitswa mu ma banki yandi ku buryo ishobora gukorwamo buli gihe ali ngombwa.

Ingingo ya 28 Imikoresherezwe y'imali y'umwaka irangira kw'itarki ya 31 desembri, yerekwa Urukiko rw'imali y'Igihugu igeretsweho impapuro zisobanura, bitarenze itarki ya 1 ya marsi ya buli mwaka.

Art. 29 Les emprunts de l'Office sont soumis à l'autorisation du Ministre, qui en fixe les modalités.

Art. 30 Les transferts et les dépassements de crédits doivent être autorisés par le Ministre.

Art. 31 L'Office est assimilé à l'Etat pour application des lois relatives aux taxes et impôts directs au profit de l'Etat.

Art. 32 L'Etat peut céder, aux conditions déterminées par le Président de la République, la propriété de tout ou partie des biens, meubles et immeubles relevant des services dont l'Office assumera l'exploitation.

L'Etat peut, de même, confier à l'Office la gestion de biens meubles et immeubles dont il se réserve la propriété.

L'Office ne pourra, sans autorisation du Président de la République aliéner tout ou partie des biens qui lui auront été cédés en application du présent article.

Art. 33 Par dérogation à l'alinéa 3 de l'article 26, la première année financière commencera à la date de l'entrée en vigueur de la présente loi pour s'achever le 31 décembre 1970.

Art. 34 La présente loi entrera en vigueur à la date que déterminera le Président de la République.

Kigali, le 1970

Gr. KAYIBANDA

Le Ministre de l'Information
et du Tourisme

Fr. MINANI

Le Ministre des Finances

F. NZANANA

Ingingo ya 29 Ministri niwe wemerera Offisi kugira imyenda, ni nawe wemeza uburyo Offisi igurizwa.

Ingingo ya 30 Gukoresha imali imilimo itagenewe cyangwa gukoresha umubare wayo urenga ugenwe bigomba kwemerwa na Ministri.

Ingingo ya 31 Offisi ni kimwe na Leta ku byerekeye imisoro y'amahoro n'imisoro yungura Leta.

Ingingo ya 32 Leta ishobora kwegulira Offisi ku buryo Prezida wa Republika azemeza, bimwe cyangwa byose mu bintu byimukanwa cyangwa bitimukanwa byateganiliye imilimo Offisi ishinzwe guteza imbere.

Leta ishobora kandi gushinga Offisi gukoresha ibintu byimukanwa cyangwa bitimukanwa aliko itabiyeguliye.

Offisi ntishobora kugira icyo itanga mu bintu ihabwa dukulikije iyi ngingo idafite uburenganzira ihawe na Prezida wa Republika.

Ingingo ya 33 Duciye ku gika cya 3 cy'ingingo ya 26, umwaka wa mbere w'imali uzatangirana n'umunsi ili tegeko lizatangira gukulikizwa urangire kw'itarki 31 desembri 1970.

Ingingo ya 34 Ili tegeko lizatangira gukulikizwa kw'itarki Prezida wa Republika azemeza.

Kigali, tarki ya 1970

Gr. KAYIBANDA

Ministri w'Amatangazo ya Leta
na Turismi

Fr. MINANI

Ministri w'Imali

F. NZANANA